CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije

Article one: Purpose

Article premier :_Objet

Aya mabwiriza agamije gushyiraho ibikurikizwa kugirango habeho kugabanya ibihombo byaturuka mu kubitsa cyangwa kugusanyiriza hamwe amafaranga abikijwe mu bigo by'imari byo mu Rwanda cyangwa byo

This regulation aims at establishing rules to minimize risks arising from concentration of placements or deposits in Rwanda Financial Institutions or abroad.

Le présent règlement a pour objet de définir les règles à suivre pour minimiser les risques résultant de la concentration des placements ou des dépôts dans les institutions financières au Rwanda ou à l'étranger.

mu mahanga.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri aya mabwiriza, amagambo akurikira, keretse aho yumvikana ukundi bitewe n'aho akoreshejwe, asobanura:

1. **Amafaranga abikijwe:** umubare w'amafaranga yabikijwe na banki mu yindi banki cyangwa ikigo cy'imari mu Rwanda cyangwa mu mahanga ku gihe cyagenwe bitari mu mirimo isanzwe y'amabanki cyangwa ibikorwa bijyana n'imirimo y'amabanki. Ariko amafaranga ari kuri konti zo mu mabanki yo muhanga cyangwa ingwate y'amafaranga ku bucuruzi mpuzamahanga ntibirimo.
2. **Amafaranga y'amahanga abikijwe:** amafaranga y'amahanga afitwe cyangwa abikijwe mu yandi mabanki hanze y'u Rwanda.

UMUTWE WA II: IBIPIMO NGENDERWAHO

Ingingo ya 3: Politiki n'ibikorwa byerekeye amafaranga abikijwe

Amabanki yose agomba gushyira mu nyandiko

Article 2: Definitions

In this regulation, unless the context requires otherwise the following expressions shall mean:

1. **“Placement:** a sum of money deposited by one bank in another bank or financial institution within or outside Rwanda for a specified period outside the normal banking or correspondent banking transactions. However nostro balances and cash collateral for international trading are excluded.
2. **“Foreign exchange placement”:** foreign exchange held or placed with other banks outside Rwanda.

CHAPTER II: PRUDENTIAL RULES

Article 3: Prudential placement policy and procedures.

All banks must set out in writing their

Article 2 : Définitions

Dans le présent règlement, à moins que le contexte n'en dispose autrement, les expressions suivantes signifient :

1. **Placement :** une somme d'argent déposée par une banque dans une autre banque ou institution financière à l'intérieur ou l'extérieur du Rwanda pour une période déterminée en dehors des opérations bancaires ordinaires ou des transactions avec les correspondants. Cependant, les soldes nostros et garanties en espèces pour le commerce international sont exclus.
2. **Placement en devises:** devises détenues ou placées auprès d'autres banques en dehors du Rwanda.

CHAPITRE II : REGLES PRUDENTIELLES

Article 3 : Politiques et procédures prudentielles de placement

Toutes les banques doivent établir par écrit leurs

politiki n'ibikurikizwa bigamije kwirinda ibibazo byaturuka ku mafaranga abikijwe.

prudential placement policy and procedures.

politiques et procédures prudentielles de placement.

Ingingo ya 4: Iguriza mu mafaranga y'amahanga

Article 4: Lending in foreign currency

Article 4 : Prêts en devises

Banki itanga umwenda mu mafaranga y'amahanga igomba kwitwararika kumenya ko:

A bank lending in foreign currency shall ensure that:

Une banque qui donne des prêts en devises s'assure que :

a) Abasaba umwenda bafite umutungo mu mafaranga y'amahanga cyangwa bafashe izindi ngamba mu kugabanya ibyateza igihombo mu ivunjwa ry'amafaranga y'amahanga;

a) Borrowers have foreign currency income or have taken other measures to mitigate foreign exchange risk ;

a) Les emprunteurs ont des revenus en devises ou ont pris d'autres mesures pour minimiser le risque lié au change;

b) Umwenda mu mafaranga y'amahanga utangwa ku basaba inguzanyo bakorera kandi bashora imari mu Rwanda;

b) Foreign exchange credit facilities are granted to borrowers operating and investing in Rwanda ;

b) Les facilités de crédit en devises sont accordées aux emprunteurs opérant et investissant au Rwanda;

c) Aho banki igenzura yonyine indi banki mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, Banki iyibyara igomba kubahiriza yo ubwayo no mu buryo buhujwe ibisabwa byerekeye imari-shingiro ya ngombwa.

c) Where a bank directly or indirectly controls another bank on a solo basis, then the parent bank shall comply with the capital adequacy requirements on a solo and consolidated basis.

c) Lorsque une banque seule contrôle directement ou indirectement une autre banque sur base individuelle, la banque mère doit respecter les exigences relatives capital social sur base individuelle et consolidée.

Ingingo ya 5: Amafaranga abitswa ntarengwa

Article 5: Limitation of deposits

Article 5 : Limites sur les dépôts

a) Banki iyo ari yo yose yemerewe igihe

a) A bank shall be authorized at any

a) Une banque est autorisée à tout moment de placer ou déposer au maximum

icyo ari cyo cyose kubitsa bitarenze 50% by'imari shingiro bwite igomba guhora muri banki iyo ariyo yose yo mu mahanga cyangwa iyo bikorana ifite amanota ntagibwa muni y'igihe kirekire mu rwego mpuzamahanga yo mu cyiciro cya A cyangwa cyo hejuru yacyo atangwa n'ikigo mpuzamahanga kizwi mu gutanga amanota.

- b) Agaciro kose k'amafaranga yabikijwe n'ibanki runaka mu yindi banki iyo ariyo yose cyangwa mu kigo cy'imari mu Rwanda ntikagomba kurenga 25% by'imari shingiro bwite ihoraho ya Banki. Iyi ngingo ntireba amafaranga abikijwe ku gihe kigufi n'ibitsa ry'amabanki rigufi cyane (muni y'iminsi irindwi).
- c) Banki yemerewe igihe icyo aricyo cyose kubitsa amafaranga atarenze 30% by'imari shingiro bwite ihoraho yayo muri Banki yo mu mahanga cyangwa iyo bikorana ifite amanota ntagibwa muni y'igihe kirekire mu rwego mpuzamahanga yo mu cyiciro cya B cyangwa cyo hejuru yacyo atangwa n'ikigo mpuzamahanga kizwi mu gutanga amanota.

time to place or deposit a maximum of fifty percent (50%) of its core capital with a foreign or correspondent bank that has a minimum long term international rating of A or above by a recognized international rating agency.

- b) The total book value of placements by a bank in any other bank or financial institution in Rwanda shall not exceed 25% of the bank's core capital. This provision excludes overnights deposits and very short term placement (< 7 days).
- c) A bank shall be authorized at any time to place or deposit a maximum of thirty (30%) of its core capital with a foreign or correspondent bank that has minimum long term international rating of B or above by a recognized international rating agency.

cinquante pour cent (50 %) de ses fonds propres nette de base auprès d'une banque étrangère ou banque correspondante qui a une cote internationale minimum à long terme de niveau (A) ou supérieure, attribuée par une agence de notation internationale reconnue.

- b) La valeur comptable totale des placements effectués par une banque dans une autre banque ou institution financière au Rwanda ne doit pas dépasser vingt-cinq pour cent (25%) des fonds propres de la banque. Cette disposition exclut les dépôts au jour le jour et des placements à très court terme (<7 jours).
- c) Une banque est autorisée à tout moment de placer ou de déposer au maximum trente pour cent (30%) de ses fonds propres nette de base auprès d'une banque étrangère ou une banque correspondante qui a une cote internationale minimum à long terme de niveau (B) ou supérieure, attribuée par une agence de notation internationale reconnue.

d) Ibitsa rikozwe na banki kuri banki iyibyara, ku ishami ryayo cyangwa ku yashoyemo imigabane mu mahanga rifatwa ko ari igikorwa gikorewe muri umuntu ufite ububasha bwo gufata icyemezo muri banki ubwayo kandi rigomba gukurikiza ibiteganwa mu Mabwiriza n°04/2008 yerekeye inguzanyo zihabwa abafite ububasha bwo gufata ibyemezo muri banki.

Ariko ibi biteganyijwe haruguru ntibireba banki iyibyara, ishami rya banki cyangwa banki banki bireba yashoyemo imigabane ifite amanota ntagibwamunsi y'igihe kirekire mu rwego mpuzamahanga yo mu cyiciro cya A cyangwa cyo hejuru yacyo.

Ingingo ya 6: Ibigomba kuzuzwa mbere yo kubitsa mu mafaranga y'amahanga.

Banki nyarwanda iyo ariyo yose ishaka kubitsa muri banki yo mu mahanga cyangwa bikorana igomba kumenya ubushobozi bw'ibyego bigo mu rwego rw'imari kandi igatangiza imikoranyirye gusa iyo yumva ko icyo cyemezo kiri mu nyungu z'ababitsa nyarwanda n'abo ibereyemo umwenda.

d) Placement within parent, subsidiaries or affiliated bank outside Rwanda shall be considered as insider transaction and shall be subjected to provisions of Regulation n° 04/2008 on insider lending.

However, the above provision is not applied to parent, subsidiaries or affiliated bank which has a minimum long term international rating of A or above.

Article 6: Prerequisite for foreign exchange placement

Any Rwandan Bank seeking to make deposit or placement in foreign or correspondent bank shall investigate the financial strength of these institutions and shall establish such relationships only if it is satisfied that doing so is consistent with the best interest of the Rwandan Bank's depositors and creditors.

d) Le placement auprès de sociétés mères, branches ou banque affiliée en dehors du Rwanda est considérée comme une opération faite à un initié de la banque et est soumise aux dispositions du Règlement n° 04/2008 relatif aux crédits accordés aux initiés des banques.

Cependant, cette disposition ne s'applique pas à la société mère, aux branches ou à la banque affiliée qui a une cote internationale minimum à long terme de niveau (A) ou supérieure.

Article 6: Préalables pour le placement en devises

Toute banque rwandaise qui désire faire le dépôt ou le placement dans une banque étrangère ou une banque correspondante, doit s'assurer de la solidité financière de ces institutions et doit établir de telles relations, si et seulement si elle est convaincue qu'une telle décision est dans l'intérêt des déposants et des créanciers de la banque rwandaise.

Ingingo ya 7: Itangwa rya raporo

Amabanki agomba gushyikiriza Banki Nkuru raporo yerekeye imirimo ya banki ijyana n'ibitsa mu buryo buteganywa ku mugereka w'aya mabwiriza.

UMUTWE WA III: IBIHANO BYEREKEYE UBUYOBOZI N'INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 8: Ibihano byerekeye ubuyobozi

Banki Nkuru ishobora gutanga ibihano byerekeye ubuyobozi byose cyangwa bimwe muri byo nk'uko biteganyijwe mu ingingo ya 65 y'Itegeko N°007/2008 ryo kuwa 08/04/2008 rigena imitunganyirize y'imirimo y'amabanki.

Ingingo ya 9: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza

Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranyije nayo zivanyweho.

Ingingo ya 10: Igihe amabwiriza atangira gukurikizwa

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsu atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya

Article 7: Reporting

Banks shall provide the Central Bank with the report on banking placement in the form set out in the Appendix of this regulation.

CHAPTER III: ADMINISTRATIVE SANCTIONS AND FINAL PROVISIONS

Article 8: Administrative sanctions

The Central Bank may impose all or any of the administrative sanctions as set out in Article 65 of the Law N° 007/2008 of 08/04/2008 concerning organization of banking.

Article 9: Repealing of inconsistent provisions

All prior provisions contrary to this regulation are hereby repealed.

Article 10: Commencement

This regulation shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette

Article 7 : Rapport

Les banques doivent soumettre à la Banque Centrale un rapport sur le placement bancaire sous la forme spécifiée en annexe du présent règlement.

CHAPITRE III : SANCTIONS ADMINISTRATIVES ET DISPOSITIONS FINALES

Article 8: Sanctions administratives

La Banque Centrale peut imposer toutes ou une partie des sanctions administratives prévues à l'article 65 de la Loi n° 007/2008 du 08/04/2008 portant organisation de l'activité bancaire.

Article 9 : Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent règlement sont abrogées.

Article 10: Entrée en vigueur

Le présent règlement entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la

Official Gazette n° 14 of 04/04/2011

Repubulika y'u Rwanda.

of the Republic of Rwanda.

République du Rwanda.

Bikorewe i Kigali, kuwa 21/03/2011

Done in Kigali, on 21/03/2011

Fait à Kigali, le 21/03/2011

(sé)

KANIMBA François
Guverineri

(sé)

KANIMBA François
Governor

(sé)

KANIMBA François
Gouverneur

UMUGEREKA/APPENDIX/ANNEXE

RAPORO Y'IGIHEMBWE KU IBITSA RYA BANKI

Izina rya Banki.....

	<u>Ibitsa rya banki muri banki yo mu gihugu</u>			<u>Ibitsa rya banki muri banki yo mu mahanga (icyiciro cya A cyangwa hejuru)</u>			<u>Ibitsa rya banki muri banki yo mu mahanga (icyiciro cya B cyangwa hejuru)</u>		
<u>AMAZINA Y'IKIGO</u>	<u>Umubare</u>		<u>....% by'imari shingiro ihoraho</u>	<u>Umubare</u>		<u>.... % by'imari shingiro ihoraho</u>	<u>Umubare</u>		<u>.... % by'imari shingiro ihoraho</u>
	<u>Amafaranga y'amahanga</u>	<u>Rwf bingana</u>		<u>Amafaranga y'amahanga</u>	<u>Rwf bingana</u>		<u>Amafaranga y'amahanga</u>	<u>Rwf bingana</u>	
<u>1.</u>									
<u>2.</u>									

IzinaUmwanya.....
Umukono.....Itariki.....

APPENDIX
QUARTERLY REPORT ON BANKING PLACEMENT

Name of a Bank.....

<u>NAMES OF INSTITUTION</u>	<u>Placement or deposit in a local bank</u>			<u>Placement or deposit in a foreign bank(rating A or above)</u>			<u>Placement or deposit in a foreign bank(rating B or above)</u>		
	<u>Amount</u>		<u>....%of core capital</u>	<u>Amount</u>		<u>....% of core capital</u>	<u>Amount</u>		<u>....% of core capital</u>
	<u>Foreign currency</u>	<u>RwfEquivalent</u>		<u>Foreign currency</u>	<u>RwfEquivalent</u>		<u>Foreign currency</u>	<u>Rwf Equivalent</u>	
<u>1.</u>									
<u>2.</u>									

NamePosition.....
Signature.....Date.....

ANNEXE
RAPPORT TRIMESTRIEL SUR LE PLACEMENT BANCAIRE

Non de la Banque.....

<u>NOM DE L' INSTITUTION</u>	<u>Placement ou dépôt dans une banque locale</u>			<u>Placement ou dépôt dans une banque étrangère (cotation A ou plus)</u>			<u>Placement ou dépôt dans une banque étrangère (cotation B ou plus)</u>		
	<u>Montant</u>		<u>....% des fonds propres nette de base</u>	<u>Montant</u>		<u>.... % des fonds propres nette de base</u>	<u>Montant</u>		<u>.... % des fonds propres nette de base</u>
	<u>Monnaie étrangère</u>	<u>Equivalent en FRW</u>		<u>Monnaie étrangère</u>	<u>Equivalent en FRW</u>		<u>Monnaie étrangère</u>	<u>Equivalent en FRW</u>	
<u>1.</u>									
<u>2.</u>									

Nom**Titre.....**

Signature.....**Date.....**

ITEKA RYA MINISTIRI N°56/11 RYO
KUWA 30/03/2009 RIHA
UBUZIMAGATOZI UMURYANGO
«GATEWAY INTERNATIONAL
MISSIONS RWANDA» (GIMI RWANDA)
KANDI RYEMERA ABAVUGIZI BAWO

MINISTERIAL ORDER N°56/11 OF 30/03/2009
GRANTING LEGAL STATUS TO THE
ASSOCIATION “GATEWAY
INTERNATIONAL MISSIONS RWANDA”
(GIMI RWANDA) AND APPROVING ITS
LEGAL REPRESENTATIVES

ARRETE MINISTERIEL N°56/11 DU
30/03/2009 ACCORDANT LA PERSONNALITE
CIVILE A L’ASSOCIATION «GATEWAY
INTERNATIONAL MISSIONS RWANDA»
(GIMI RWANDA ET PORTANT AGREMENT
DE SES REPRESENTANTS LEGAUX

ISHAKIRO

Ingingo ya mbere : Izina n’Icyicaro
by’Umuryango

Ingingo ya 2: Intego z’Umuryango

Ingingo ya 3: Abavugizi b’Umuryango

Ingingo ya 4: Igihe Iteka ritangira
gukurikizwa

TABLE OF CONTENTS

Article One: Name and Head Office
of the Association.

Article 2: Objectives of the Association

Article 3: The Legal Representatives

Article 4: Commencement

TABLES DES MATIERES

Article Premier : Dénomination et Siège de
l’Associations

Article 2 : Objet de l’Association

Article 3 : Les Représentants Légaux

Article 4 : Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISTIRI N°56/11 RYO KUWA 30/03/2009 RIHA UBUZIMAGATOZI ISHYIRAHAMWE «GATEWAY INTERNATIONAL MISSIONS RWANDA » (GIMI RWANDA) KANDI RYEMERA ABAVUGIZI BAWO

MINISTERIAL ORDER N°56/11 OF 30/03/2009 GRANTING LEGAL STATUS TO THE ASSOCIATION “GATEWAY INTERNATIONAL MISSIONS RWANDA” (GIMI RWANDA) AND APPROVING ITS LEGAL REPRESENTATIVES

ARRETE MINISTERIEL N°56/11 DU 30/03/2009 ACCORDANT LA PERSONNALITE CIVILE A L’ASSOCIATION «GATEWAY INTERNATIONAL MISSIONS RWANDA» (GIMI RWANDA) ET PORTANT AGREMENT DE SES REPRESENTANTS LEGAUX

Minisitiri w’Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta,

The Minister of Justice / Attorney General,

Le Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk’uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120 n’iya 121 ;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 , as amended to date , especially in Articles 120 and 121;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 Juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120 et 121 ;

Ashingiye ku Itegeko n°20/2000 ryo kuwa 26/07/2000 ryerekeye imiryango idaharanira inyungu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 8, iya 9, iya 10 n’iya 20 ;

Pursuant to Law n°20/2000 of 26/07/2000, relating to Non Profit Making Organizations especially in Articles 8,9,10 and 20;

Vu la loi n° 20/2000 du 26/07/2000 relative aux association sans but lucratif, spécialement en ses articles 8, 9, 10 et 20 ;

Ashingiye ku Iteka rya Perezida n° 27/01 ryo kuwa 18/07/2004 rigena amwe mu mateka y’Abaminisitiri yemezwa atanyuze mu Nama y’Abaminisitiri, cyane cyane mu ngingo yaryo ya mbere ;

Pursuant to the Presidential Order n° 27/01 of 18/07/2004, determining certain Ministerial Orders which are adopted without consideration by the Cabinet , especially in Article One;

Vu l’Arrêté Présidentiel n° 27/01 du 18/07/2004 déterminant certains Arrêtés Ministériels qui ne sont pas adoptés par le Conseil des Ministres, spécialement en son article premier ;

Abisabwe n’Umuvugizi w’Umuryango «**Gateway International Missions Rwanda** » (GIMI RWANDA) mu rwandiko rwe rwakiriwe kuwa 07/01/2008;

Upon request lodged by the Legal Representative of the Association «**Gateway International Missions Rwanda** » (GIMI RWANDA) on 07/01/2008;

Sur requête du Représentant Légal de l’Association «**Gateway International Missions Rwanda** » (GIMI RWANDA) reçue le 07/01/2008 ;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE :

Ingingo ya mbere: Izina n'Icyicaro by'Umuryango

Ubuzimagatozi buhawe umuryango «**Gateway International missions Rwanda**» (**GIMI RWANDA**), ufite icyicaro cyawo mu Murenge wa Gisenyi, mu Karere ka Rubavu, Intara y'Iburengerazuba.

Ingingo ya 2: Intego z'Umuryango

Umuryango ugamije:

- Kwigisha Ivugabutumwa Ryiza mu bagororwa, hagamijwe kubakangurira kwihana, kwemera icyaha no kubategura mu buryo bw'Umwuka kuzasubira iwabo bubaha Imana, bakunda bagenzi babo n'Igihugu cyabo muri rusange.
- Kwigisha Ijambo ry'Imana abanyeshuri bo mu mashuri abanza, ayisumbuye n'aya Kaminuza, kugira ngo bazavemo abaturage beza bashimwa n'Imana n'Igihugu cyabo muri rusange;
- Gutanga imfashanyigisho ku bagororwa, abanyeshuri, hakoreshajwe inyigisho zanditswe z'Ijambo ry'Imana, Bibiliya ndetse n'ibikoresho bikunze gukenerwa mu

Article One: Name and Head Office the Association.

Legal status is hereby granted to the association «**Gateway International Missions Rwanda** » (**MIGI RWANDA**) situate at Gisenyi Sector Rubavu District in Western Province.

Article 2: Objectives of the Association

The Association has the following objectives:

- To preach the Good News to prisoners, encouraging them to accept their sins and repent, then prepare them spiritually so that one day when they go back home, they would be God-fearing people, helpful to their families, community and the country in general;
- To preach the Good News of our Lord Jesus Christ to students in primary, secondary and university level, so that they can be good citizens before God and their country;
- Distribution of materials to the prisoners and students. This includes Biblical literature, tracts, and Bibles, Medical Treatment and other Humanitarian assistance;

Article premier : Dénomination et Siège de l'Association

La personnalité civile est accordée à l'Association «**Gateway International Missions Rwanda** » (**GIMI RWANDA**) dont le Siège est dans le Secteur Gisenyi, District de Rubavu, Province de l'ouest

Article 2: Objet de l'Association

L'Association a pour objet de :

- Prêcher la Bonne Nouvelle aux prisonniers en les encourageant à reconnaître leur péché en vue de repentir et les préparer spirituellement pour qu'à leur retour à la maison, ils soient des gens qui craignent Dieu et soient utiles à leurs familles, à la communauté et au pays en général ;
- Prêcher la Bonne Nouvelle de notre Seigneur Jésus-Christ aux élèves au niveau primaire, du secondaire et aux Etudiants de l'Université les rendre de bons citoyens, tant envers Dieu qu'envers leur pays ;
- Distribuer du matériel didactique aux prisonniers et aux étudiants grâce à la littérature bibliques, les Bibles, les dépliants, les soins médicaux et autre assistance humanitaire.

buzima bwabo bwa buri muni;

- Gutanga amahugurwa ku bayobozi banyuranye, bigishwa imiyoborere myiza ishingiye ku jambo ry’Imana.

Ingingo ya 3: Abavugizi b’Umuryango

Uwemerwe kuba Umuvugizi w’Umuryango «**Gateway International Missions Rwanda** » (GIMI RWANDA) ni **Bishop GAPIRA Jean Faustin**, Umunyarwanda uba mu Murenge wa Gisenyi, Akarere ka Rubavu, Intara y’Iburengerazuba.

Uwemerewe kuba Umuvugizi Wungirije w’uwo muryango ni **Bwana KABASHA Baheza Théoneste**, Umunyarwanda uba mu Murenge wa Kanzenze, Akarere ka Rubavu, Intara y’Iburengerazuba.

Ingingo ya 4: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa umunsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.

Kigali, kuwa 30/03/2009

Minisitiri w’Ubutabera / Intumwa Nkuru ya Leta
KARUGARAMA Tharcisse
(sé)

- To hold seminars for different Leaders on the Biblical Principles of Spiritual Leadership.

Article 3: The Legal Representatives

Bishop GAPIRA Jean Faustin of Rwandan Nationality, residing in Gisenyi Sector, Rubavu District, Western Province, is hereby authorized to the Association «**Gateway International Missions Rwanda** » (GIMI RWANDA).

Mr KABASHA Baheza Théoneste of Rwandan nationality, residing in Kanzenze Sector, Rubavu District, Western Province, is hereby authorized to be the deputy Legal Representative of the same Association.

Article 4: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, le 30/03/2009

The Minister of Justice /Attorney General
KARUGARAMA Tharcisse
(sé)

- Dispenser des séminaires aux différents dirigeants sur les principes bibliques de leadership.

Article 3 : Les Représentants Légaux

Est agréé en qualité de Représentant Légal de l’Association «**Gateway International Missions Rwanda** » (GIMI RWANDA), **Monseigneur GAPIRA Jean Faustin** de nationalité rwandaise, résidant dans le Secteur de Gisenyi, District de Rubavu, Province de l’Ouest.

Est agréé en qualité de Représentant Légal Suppléant de la même Association, **Monsieur KABASHA Baheza Théoneste**, de nationalité rwandaise, résidant dans le Secteur Kanzenze, District de Rubavu, Province de l’Ouest.

Article 4 : Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, on 30/03/2009

Le Ministre de la Justice / Garde des Sceaux
KARUGARAMA Tharcisse
(sé)

**UMURYANGO UDAHARANIRA INYUNGU:
GATEWAY INTERNATIONAL MISSIONS
RWANDA (GIMI RWANDA)**

AMATEGEKO SHINGIRO

**UMUTWE WA MBERE: IZINA, ICYICARO,
IGIHE N'INTEGO**

Ingingo ya mbere:

Abashyize umukono kuri aya mategeko bashinze umuryango witwa «Gateway Internacional Missions Rwanda», GIMI RWANDA. mu magambo ahinnye, ugengwa n'itegeko N° 20/2000 ryo kuwa 26/07/2000 ryerekeye imiryango idaharanira inyungu hamwe n'aya mategeko shingiro.

Ingingo ya 2:

Icyicaro cy'umuryango gishyizwe muri Rubavu District, Intara y'Iburengerazuba, B.P.6773 Kigali - Rwanda, Telefone: (+250)08304780, E-mail: clc_rda@yahoo.fr. Icyicaro cy'umuryango gishobora kwimurirwa ahandi mu Rwanda byemejwe n'Inteko Rusange.

Ingingo ya 3:

Umuryango ukorera imirimo yawo mu Rwanda hose. Igihe uzamara ntikigenwe.

Ingingo ya 4:

Umuryango ugamije ibi bikurikira :

1.Kwigisha Ivugabutumwa ryiza mu bagororwa, hagamijwe kubakangurira kwihana, kwemera

**ASSOCIATION SANS BUT LUCRATIF:
GATEWAY INTERNATIONAL MISSIONS
RWANDA (GIMI RWANDA)**

STATUTS

**CHAPITRE PREMIER : DENOMINATION,
SIEGE, DUREE ET OBJET**

Article premier:

Il est constitué entre les soussignés, une association dénommée «Gateway Internacional Missions Rwanda», GIMI RWANDA en sigle, régie par la loi N°20/2000 du 26/07/2000 relative aux associations sans but lucratif et par les présents statuts.

Article 2:

Le siège de l'association est établi à Kanama, District de Rubavu, Province de l'Ouest, B.P.6773 Kigali, Télépnone: (+250)08304780, E-mail: clc_rda@yahoo.fr. Ce siege peut néanmoins être transféré ailleurs au Rwanda sur décision de l'Assemblée Générale.

Article 3:

L'association exerce ses activités sur tout le territoire rwandais. Elle est créée pour une durée indéterminée.

Article 4:

L'association a pour objet::

1.Prêcher la Bonne Nouvelle aux prisonniers en les encourageant à reconnaître leur péché en vue

**NON PROFIT MAKING ORGANIZATION:
GATEWAY INTERNATIONAL MISSIONS
RWANDA (GIMI RWANDA)**

CONSTITUTION

**CHAPTER ONE: NAME, HEAD OFFICE,
DURATION AND OBJECTIVES**

Article One:

The undersigned people convene to form an association named « Gateway Internacional Missions Rwanda», GIMI RWANDA in abbreviation, governed by the Law N° 20/2000 of 26/07/2000, relating to non profit making organizations and the present statutes.

Article 2:

The head office of the association shall be located at Kabeza, Kanombe Sector, Kicukiro District, Kigali City, P.O.Box 6773 Kigali, Telephone: (+250)08304780, E-mail: clc_rda@yahoo.fr. The head office may however be shifted to any other place in Rwanda on decision of the General Assembly.

Article 3:

The association shall carry out its activities all over the Rwandan territory. It is created for an undetermined term.

Article 4:

The association has following objectives :

1.To preach the good news to prisoners,

Icyaha no kubategura mu buryo bw'Umwuka kuzasubira iwabo bubaha Imana, bakunda bagenzi babo n'Igihugu cyabo muri rusange.

du repentir et les préparer spirituellement pour qu'à leur retour à la maison, ils soient des gens qui craignent Dieu et soient utiles à leurs familles, à la communauté et au pays en général.

encouraging them to accept their sins and repent, then prepare them Spiritually so that one day when they go back home, they would be God-fearing people, important to their families, community and country in general.

2. Kwigisha Ijambo ry'Imana abanyeshuri bo mu mashuri abanza, ayisumbuye na ya kaminuza, kugira ngo bazavemo abaturage beza bashimwa n'Imana n'igihugu cyabo

2. prêcher la Bonne Nouvelle de notre Seigneur Jésus-Christ aux élèves au niveau du primaire, du secondaire et aux étudiants de l'université pour les rendre de bons citoyens, tant envers Dieu qu'envers leur pays.

2. To preach the good news of our Lord Jesus Christ to the students in Primary, Secondary and University level, so that they can be good citizens before God and their country.

3. Gutanga imfasha-nyigisho ku bagororwa, abanyeshuri. hakoreshejwe inyigisho zanditswe z'Ijambo ry'Imana, Bibiliya, ndetse n'ibikoresho bikunze gukenerwa mu buzima bwabo bwa buri muni.

3. distribuer du matériel didactique aux prisonniers et aux étudiants grâce à la littérature biblique, les bibles, les dépliants, les soins médicaux et autre assistance humanitaire.

3. Teaching materials distribution to the prisoners, and students. This includes Biblical literature, tracts, and Bibles Medical Treatment and other Humanitarian assistance.

4. Gutanga amahugurwa ku bayobozi banyuranye, bigishwa imiyoborere myiza ishingiye ku Ijambo ry'Imana

4. dispenser des séminaires aux différents dirigeants sur les principes bibliques de leadership chrétien.

4. To give Seminars to different leaders on the Biblical Principles of Spiritual Leadership.

UMUTWE WA II: ABANYAMURYANGO

CHAPITRE II: DES MEMBRES

CHAPTER II: MEMBERSHIP

Ingingo ya 5:

Umuryango ugizwe n'abanyamuryango bawushinze, abawinjiramo n'ab'icyubahiro.

Abashinze umuryango ni abashyize umukono kuri aya mategeko shingiro.

Abawinjiramo ni abantu babisaba bamaze kwiyemeza gukurikiza aya mategeko shingiro, bakemerwa n'Inteko Rusange.

Article ya 5:

L'association se compose des membres fondateurs, des membres adhérents et des membres d'honneur.

Sont membres fondateurs les signataires des présents statuts.

Sont membres adhérents les personnes physiques qui, sur demande et après avoir souscrit aux présents statuts, sont agréées par l'Assemblée Générale.

Article 5:

The association is composed of founder members, adherent members and honorary members.

Founder members are the signatories of this constitution.

Adherent members are physical persons who, upon request and after subscription to this constitution, shall be agreed by the General

Abanyamuryango b'icyubahiro ni abantu cyangwa imiryango bemerwa n'Inteko Rusange kubera inkunga ishimishije batera umuryango. Bagishwa inama gusa ariko ntibatora.

Ingingo ya 6:

Abashinze umuryango n'abawinjiramo ni abanyamuryango nyakuri. Biyemeza kugira uruhare mu bikorwa byose by'umuryango. Baza mu nama z'Inteko Rusange bafite uburenganzira bwo gutora.

Ingingo ya 7:

Inzandiko zisaba kwinjira mu muryango zohererezwa Musenyeri Perezida wa Komite Nyobozi, bikemezwa n'Inteko Rusange.

Ingingo ya 8:

Gutakaza ubunyamuryango biterwa n'urupfu, gusezera ku bushake, kwirukanwa cyangwa iseswa ry'umuryango.

Usezeye ku bushake yandikira Musenyeri Perezida wa Komite Nyobozi, bikemezwa n'Inteko Rusange.

Icyemezo cyo kwirukana umunyamuryango gifatwa n'Inteko Rusange ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'amajwi iyo atacyubahiriza aya mategeko

Les membres d'honneur sont des personnes physiques ou morales auxquelles l'Assemblée Générale décerne ce titre pour leur soutien appréciable apporté à l'association. Ils jouent un rôle consultatif mais n'ont pas de voix délibérative.

Article 6:

Les membres fondateurs et les membres adhérents constituent les membres effectifs de l'association. Ils prennent l'engagement de participer à toutes les activités de l'association. Ils assistent aux réunions de l'Assemblée Générale avec voix délibérative.

Article 7:

Les demandes d'adhésion sont adressées à l'Evêque Président du Comité Exécutif et soumises à l'approbation de l'Assemblée Générale.

Article 8:

La qualité de membre se perd par le décès, le retrait volontaire, l'exclusion ou la dissolution de l'association.

Le retrait volontaire est adressé à l'Evêque Président du Comité Exécutif et soumis à l'approbation de l'Assemblée Générale.

L'exclusion est prononcée par l'Assemblée Générale à la majorité de deux tiers (2/3) des voix contre un membre qui ne se conforme plus

Assembly.

Honorary members are physical or moral persons that are awarded that title by the General Assembly for their appreciable support to the association. They play a consultative role, but have no right to vote.

Article 6:

Founder members and adherent members constitute the effective membership of the association. They are committed to actively participate in all the activities of the association. They shall attend the meetings of the General Assembly with the right to vote.

Article 7:

Applications for membership shall be addressed to the Bishop President of the Executive Committee and approved by the General Assembly.

Article 8:

Loss of membership is caused by death, voluntary resignation, exclusion or dissolution of the association.

Voluntary resignation shall be addressed to the Bishop President of the Executive Committee and approved by the General Assembly.

Exclusion shall be adopted by the General Assembly upon the two third (2/3rd) majority

shingiro n'amabwiriza mbonezamikorere y'umuryango.

aux présents statuts et au règlement d'ordre intérieur de l'association.

votes against any member who no longer conforms to this constitution and the internal regulations of the association.

UMUTWE WA III: IBYEREKEYE INZEGO

CHAPITRE III: DES ORGANES

CHAPTER III: THE ORGANS

Ingingo ya 9:

Inzego z'umuryango ni Inteko Rusange, Komite Nyobozi n'Ubugenzuzi bw'imari.

Article 9:

Les organes de l'association sont l'Assemblée Générale, le Comité Exécutif et le Commissariat aux comptes.

Article 9:

The organs of the association are the General Assembly, the Executive Committee and the Auditing Committee.

Igice cya mbere: Ibyerekeye Inteko Rusange

Section première: De l'Assemblée Générale

Section One: The General Assembly

Ingingo ya 10:

Inteko Rusange nirwo rwego rw'ikirenga rw'umuryango. Igizwe n'abanyamuryango nyakuri bose.

Article 10:

L'Assemblée Générale est l'organe suprême de l'association. Elle est composée de tous les membres effectifs.

Article 10:

The General Assembly is the supreme body of the association. It is composed of all the effective membership.

Ingingo ya 11:

Inteko Rusange ihamagazwa kandi ikayoborwa na Musenyeri Perezida wa Komite Nyobozi; yaba adahari cyangwa atabonetse, bigakorwa na Visi-Perezida.

Article 11:

L'Assemblée Générale est convoquée et dirigée par l'Evêque Président du Comité Exécutif ou en cas d'absence ou d'empêchement, par le Vice-Président.

Article 11:

The General Assembly shall be convened and chaired by the Bishop President of the Executive Committee or by the Vice-President in case of absence.

Igihe Perezida na Visi-Perezida badahari, batabonetse, Inteko Rusange ihamagazwa n'Umunyamabanga Mukuru. icyo gihe, abagize Inteko bitoramo Perezida w'inama n'Umwanditsi.

En cas d'absence, d'empêchement du Président et du Vice-Président, l'Assemblée Générale est convoquée par le Secrétaire Général. Dans ce cas, l'Assemblée élit en son sein un Président et un Rapporteur de la session.

In case both the President and the Vice-President, the General Assembly shall be convened by the Secretary General. In that case, the members present shall elect a Chairman and a Reporter for the session.

Ingingo ya 12:

Inteko Rusange iterana rimwe mu mwaka mu nama isanzwe n'igihe cyose bibaye ngombwa mu nama zidasanzwe. Umunyamabanga Mukuru ashyaikiriza abanyamuryango inzandiko z'ubutumire zikubiyemo ibiri ku murongo w'ibyigwa nibura mbere y'iminsi

Article 12:

L'Assemblée Générale se réunit une fois par an en session ordinaire et autant de fois que de besoin en sessions extraordinaires. Les invitations contenant l'ordre du jour sont remises aux membres par le Secrétaire Général

Article 12:

The General Assembly shall meet once a year in an ordinary session and as often as possible in extraordinary sessions. Invitation letters containing the agenda shall be transmitted to members by the Secretary General at least

cumi n'itanu (15).

Ingingo ya 13:

Inteko Rusange iterana kandi igafata ibyemezo iyo bibiri bya gatatu (2/3) by'abanyamuryango nyakuri bahari. Iyo uwo mubare utuzuye, indi nama itumizwa mu minsi cumi n'itanu. icyo gihe, Inteko Rusange iraterana kandi igafata ibyemezo bifite agaciro ititaye ku mubare w'abaje.

Ingingo ya 14:

Uretse ibiteganywa ukundi n'itegeko ryerekeye imiryango idaharanira inyungu hamwe n'aya mategeko shingiro, ibyemezo by'Inteko Rusange bifatwa hakurikijwe ubwiganze busesuye bw'amajwi. Iyo amajwi angana, irya Perezida rigira uburemere bw'abiri.

Ingingo ya 15:

Inteko Rusange ifite ububasha bukurikira:

- kwemeza no guhindura amategeko shingiro n'amabwiriza ngengamikorere by'umuryango;
- gutora no kuvanaho abagize Komite Nyobozi n'Abagenzuzi b'imari;
- kwemeza ibyo umuryango uzakora;
- kwemerera, guhagarika no kwirukana umunyamuryango;
- kwemeza buri mwaka imicungire y'imari y'umuryango;
- kwemera impano n'indagano;
- gufata icyemezo cyo gusesa umuryango.

au moins quinze (15) jours avant la réunion.

Article 13:

L'Assemblée Générale siège et délibère valablement lorsque les deux tiers (2/3) des membres effectifs sont présents. Si ce quorum n'est pas atteint, une nouvelle convocation est lancée dans un délai de quinze jours. Dans ce cas, l'Assemblée Générale siège et délibère valablement quel que soit le nombre de participants.

Article 14:

Sauf pour les cas expressément prévus par la loi relative aux associations sans but lucratif et par les présents statuts, les décisions de l'Assemblée Générale sont prises à la majorité absolue des voix. En cas de parité de voix, celle du Président compte double.

Article 15:

L'Assemblée Générale est dotée des pouvoirs ci-après:

- adopter et modifier les statuts et le règlement d'ordre intérieur de l'association;
- élire et révoquer les membres du Comité Exécutif et des Commissaires aux comptes;
- déterminer les activités de l'association;
- admettre, suspendre ou exclure un membre;
- approuver les comptes annuels de l'association;
- accepter les dons et legs;
- décider de la dissolution de l'association.

fifteen (15) days before the meeting.

Article 13:

The General Assembly shall legally meet when the two third (2/3rd) of the effective membership are present. In case, the quorum is not attained, a second meeting is convened within fifteen days. In that case, the General Assembly shall meet and take valid resolutions irrespectively of the number of participants.

Article 14:

Except for cases willingly provided for by the law governing the non-profit making organizations and the present constitution, the resolutions of the General Assembly shall be valid when adopted by the absolute majority votes. In case of equal votes, the President has the casting vote.

Article 15:

The General Assembly has the following powers:

- To adopt and to modify the constitution and internal regulations of the association;
- To appoint and to dismiss the Executives and The Auditors;
- To state on the association's activities;
- To admit, to suspend and to exclude a member;
- To approve the yearly accounts of the association;
- To accept donations and legacies;
- To decide upon the dissolution of the association.

Igice cya kabiri: Komite Nyobozi

Ingingo ya 16:

Inama y'Ubuyobozi igizwe na :

- Umuvugizi ari nawe Muyobozi w'umuryango mu rwego rw'Igihugu,
- Umuvugizi wungirije w'umuryango ari nawe Muyobozi wungirije w'Umuryango;
- Umwanditsi akaba n'Umubitsi ;
- Ukuriye abari n'abategarugori mu by'Umwuka.

Ingingo ya 17:

Abagize Komite Nyobozi batorwa n'Inteko Rusange mu banyamuryango nyakuri ku bwiganze busesuye. Manda yabo imara igihe cy'imyaka irindwi gishobora kongerwa inshuro ebyiri.

Ingingo ya 18:

Komite Nyobozi iterana igihe cyose bibaye ngombwa, ariko byanze bikunze rimwe mu mezi atandatu, ihamagawe kandi iyobowe na Perezida, yaba adahari cyangwa atabonetse, bigakorwa na Visi-Perezida.

Komite Nyobozi iterana mu buryo bwemwe iyo hari bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize. Ibyemezo bifatwa hakurikijwe ubwiganze busanzwe iyo hatabayeho ubwumvikane. Iyo amajwi angana, irya Perezida rigira uburemere bw'abiri.

Ingingo ya 19:

Komite Nyobozi nshingwabikorwa ishinze :

Section deuxième: Du Comité Exécutif

Article 16:

Le Comité Exécutif est composé:

- du Représentant Legal de l'association au niveau national;
- du Représentant Légal Suppléant de l'association;
- du Secrétaire et Trésorier Général;
- du Chargé du Genre Spirituelle;

Article 17:

Les membres du Comité Exécutif sont élus parmi les membres effectifs par l'Assemblée Générale à la majorité absolue pour un mandat de sept ans renouvelable deux fois.

Article 18:

Le Comité Exécutif se réunit autant de fois que de besoin, mais obligatoirement une fois par semestre, sur convocation et sous la direction de son Président, ou à défaut, du Vice-Président.

Le Comité Exécutif siège valablement à la majorité de deux tiers (2/3) des membres. Ses décisions sont prises à la majorité simple de voix lorsqu'il n'y a pas de consensus. En cas de parité de voix, celle du Président compte double.

Article 19:

Le Comité Exécutif est chargé de:

Section Two: The Executive Committee

Article 16:

The Executive Committee is composed of:

- The Legal Representative who is the Chairman of the association and Country Director.
- The Vice Legal Representative of this association
- The General Secretary and the Treasurer
- The Spiritual woman Leader

Article 17:

The Executives shall be elected among the effective membership by the General Assembly to the absolute majority votes for a seven year renewable twice.

Article 18:

The Executive Committee shall meet as often as necessary but obligatorily once in a semester. It shall be convened by the President or in case of absence, by the Vice-President.

The Executive Committee shall legally meet when the two third (2/3rd) of the members are present. Its resolutions shall be valid when voted by the simple majority in case of lack of consensus. In case of equal votes, the President shall have the casting vote.

Article 19::

The Executive Committee has the following

-gushyira mu bikorwa ibyemezo n'ibyifuzo by'Inteko Rusange;

-kwita ku micungire ya buri munsu y'umuryango;

-gukora raporo y'ibyakozwe mu mwaka urangiye;

-gutegura ingengo y'imari igomba gushyikirizwa Inteko Rusange;

-gushyikiriza Inama y'ubuyobozi ingingo z'amategeko n'amabwiriza ngengamikorere zigomba guhindurwa;

-gutegura inama z'Inteko Rusange;

-gushakisha inkunga y'amafaranga mu bagiraneza;

-gushaka, gushyiraho no gusezerera abakozi.

-exécuter les décisions et les recommandations de l'Assemblée Générale;

-s'occuper de la gestion quotidienne de l'association;

-rédiger le rapport annuel d'activités de l'exercice écoulé;

-élaborer les prévisions budgétaires à soumettre à l'Assemblée Générale;

-proposer à l'Assemblée Générale les modifications aux statuts et au règlement d'ordre intérieur;

-préparer les sessions de l'Assemblée Générale;

-négocier les financements avec des partenaires;

-recruter, nommer et révoquer le personnel.

duties:

-to execute the decisions and recommendations of the General Assembly;

-to deal with the day to day management of the association;

-to elaborate annual reports of activities;

-to elaborate budget provisions to submit to the approval of the General Assembly;

-to propose to the General Assembly all the amendments to the constitution and the internal regulations;

-to prepare the sessions of the General Assembly;

-to negotiate funding with partners;

-to recruit, appoint and dismiss the staff.

Igice cya gatatu: Ubugenzuzi bw'imari

Ingingo ya 20:

Inteko Rusange ishira buri mwaka abagenzuzi b'imari babiri bafite inshingano yo kugenzura buri gihe imicungire y'imari n'indi mitungo by'umuryango no kubikorera raporo. Bemereye kureba mu bitabo n'inyandiko by'ibaruramari by'umuryango ariko batabijyanye hanze y'ububiko.

UMUTWE WA IV: IBYEREKEYE UMUTUNGO

Ingingo ya 21:

Umuryango ushobora gutira no gutunga ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa ukeneye kugirango ugere ku ntego zawo.

Section troisième: Du Commissariat aux comptes

Article 20:

L'Assemblée Générale nomme annuellement deux commissaires aux comptes ayant pour mission de contrôler en tout temps la gestion des finances et autre patrimoine de l'association et lui en faire rapport.

Ils ont l'accès, sans les déplacer, aux livres et aux écritures comptables de l'association.

CHAPITRE IV: DU PATRIMOINE

Article 21:

L'association peut posséder, soit en jouissance, soit en propriété, les biens meubles et immeubles nécessaires à la réalisation de ses objectifs.

Section Three: The Auditing Committee

Article 20:

The General Assembly shall appoint annually two financial Auditors committed to control at any time the management of financial accounts and other properties of the association and give report. They have access, without carrying them outside, to the books and accounting documents of the association.

CHAPTER IV: THE ASSETS

Article 21:

The association may hire or own movable properties and real estates needed to achieve its objectives.

Ingingo ya 22:

Umutungo w'umuryango ukomoka ku misanzu y'abanyamuryango, impano, imirage, imfashanyo zinyuranye n'umusaruro ukomoka ku bikorwa byawo bwite.

Ingingo ya 23:

Umuryango ugenera umutungo wawo ibikorwa byose byatuma ugera ku ntego zawo ku buryo buziguye cyangwa butaziguye.

Nta munyamuryango ushobora kuwiyitirira cyangwa ngo agire icyo asaba igihe aseze ku bushake, iyo yirukanywe cyangwa iyo umuryango usheshwe.

UMUTWE WA V:

IHINGURWA RY'AMATEGEKO N'ISESWA RY'UMURYANGO

Ingingo ya 24:

Aya mategeko ashobora guhindurwa byemejwe n'Inteko Rusange ku bwiganze busesuye bw'amajwi, bisabwe na Komite Nyobozi cyangwa na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abanyamuryango nyakuri.

Ingingo ya 25:

Byemejwe ku bwiganze bwa bibiri cya gatatu (2/3) by'amajwi, Inteko Rusange ishobora gusesa umuryango.

Ingingo ya 26:

Igihe umuryango usheshwe, hamaze gukorwa ibarura

Article 22:

